Mesut Özil yashyize akadomo ku rugendo rwo guconga Ruhago

March 23, 2023

Umudage ufite inkomoko mu gihugu cya Turukiya, Mesut Özil, wakiniye amakipe nka; Westfalia 04 Gelsenkirchen, Teutonia Schalke-Nord, Falke Gelsenkirchen, Rot-Weiss Essen, Schalke 04, Werder Bremen, Real Madrid, Arsenal, Fenerbahçe na İstanbul Başakşehir yasezeye gukina umupira w'amaguru nk'uwabigize umwuga.

Kuri uyu wa Gatatu, tariki 22 Werurwe 2023, ni bwo Mesut Özil w'imyaka 34 yatangaje ko yasezeye kuri ruhago binyuze mu butumwa burebure bugaragaza ibihe bitandukanye yayigiriyemo.

Özil yashimiye amakipe yose yakiniye kuva atangiye umupira w'amaguru nk'uwabigize umwuga.

Uyu mukinnyi wanyuze mu makipe akomeye ku Mugabane w'u Burayi, yavuze ko imvune nyinshi yari amaze iminsi agira ari zo zitumye ahagarika gukina ruhago.

> *Yagize ati: Byari iby'agaciro gukina uyu mukino nk'umwuga imyaka 17 kandi ndashima ku bw'ayo mahirwe. Mu mezi ashize nagize imvune nyinshi byatumye ntekereza ko ari cyo gihe cyo guhagarika gukina ku rwego rwo hejuru.*

Yakomeje ashimira amakipe yose yanyuzemo n'ibihe bidasanzwe bagiranye.

> *Ati: Rwari urugendo rutangaje rwuzuyemo ibihe byinshi bitandukanye. Ndashimira amakipe yanjye, Schalke 04, Werder Bremen, Real Madrid, Arsenal FC, Fenerbahçe SK na İstanbul Başakşehir F.K.*

Uyu mukinnyi ufatwa nk'umwami wo gutanga imipira ivamo

ibitego, yatangiye kumenyekana cyane mu Gikombe cy'Isi cyabereye Afurika y'Epfo mu 2010, cyatumye anagurwa na Real Madrid.

Özil yakiniye Ikipe y'Igihugu y'u Budage imikino 92 atsindamo ibitego 23, anatwarana na yo Igikombe cy'Isi cyabereye muri Brazil mu 2014.

Muri rusange mu mikino 485 yakinnye yatsinzemo ibitego 81 atanga imipira 258 yabyaye ibindi.

Özil in 2019			
Personal information			
Full name	Mesut Özil[1]		
Date of birth	15 October 1988 (age 34)[2]		
Place of birth	Gelsenkirchen, West Germany		
Height	1.80 m (5 ft 11 in)[3]		
Position(s)	Attacking midfielder		
Youth career			
1995–1998	Westfalia 04 Gelsenkirchen		
1998–1999	Teutonia Schalke-Nord		
1999–2000	Falke Gelsenkirchen		
2000–2005	Rot-Weiss Essen		
2005–2006	Schalke 04		
Senior career*			
Years	**Team**	**Apps**	**(Gls)**
2005	Schalke 04 II	1	(0)
2006–2008	Schalke 04	30	(0)
2008–2010	Werder Bremen	71	(13)
2010–2013	Real Madrid	105	(19)
2013–2021	Arsenal	184	(33)

2021–2022	Fenerbahçe	32	(8)
2022–2023	İstanbul Başakşehir	4	(0)
Total		**427**	**(73)**
International career			
2006–2007	Germany U19	11	(4)
2007–2009	Germany U21	16	(5)
2009–2018	Germany	92	(23)

Hanze y’ikibuga uyu mugabo yakunze kurangwa no kutaripfana ndetse no kuvugira abatishoboye.